# Kwipima COVID-19

Gukoresha igikoresho cyo kwipima ni uburyo bwihuse kandi bworoshye bwo kumenya niba urwaye COVID-19. Kwipima bushobora kudatanga ibisubizo nyakuri nk'uko wapimwa n'umuganga wabyigiye. Ariko kwipima na bwo ni uburyo iyo udashobora kugera aho bapimira. Kora ku buryo ukurikiza neza amabwiriza y'igikoresho cyo kwipima.

## Ni ryari wakoresha igikopresho cyo kwipima COVID-19

**Ipime mbere yo guteranira mu nzu n'abandi,** by'umwihariko igihe uri kumwe n'umuntu wese utarahawe urukingo, ufite abasirikare badashobora kurwanya indwara cyangwa ibyago byo kuremba.

**Kwipima niba ufite ibimenyetso bya COVID-19 kandi ukaba udashobora kugera aho bapimira.** Guma mu rugo kandi ntiwegere abantu niba urwaye

## Wakora iki nyuma yo kwipima COVID-19

**Kugira ngo wohererez ibisubizo byo kwipima Ishami ry'ubuzima muri Rhode Island, sura portal.ri.gov/s/selftest.**

**Niba wipimye ugasanga urwaye,** ni ukuvuga ko virusi yagaragaye kandi birashoboka cyane ko urwaye COVID-19. Guma mu rugo (mu kato) byibuze iminsi 5. Umuntu ufite COVID-19 agomba kujya mu kato nubwo yaba adafite ibimenyetso. Ku yandi makuru yerekeye akato, sura covid.ri.gov/whattodo.

Il existe des traitements efficaces contre l'infection à la COVID-19. Un professionnel de la santé pourra vous traiter contre la COVID-19 suivant le résultat d'autotest. Il se pourrait qu'il effectue un autre test pour vérifier que le résultat de votre autotest est correct. Pour plus d'informations sur le traitement, visitez covid.ri.gov/treatment.

Hamagara 911 cyangwa ugane ibitaro bikwegereye niba utekereza ko ushobora kuba ukeneye ubuvuzi bwihuse. Hashobora kuba harimo ikibazo cyo guhumeka, ububabare budashira cyangwa wumva ikintu cyatsikamiye agatuza, gucanganyikirwa bushya, kutabasha kubyuka cyangwa gukomeza ukangutse cyangwa iminwa cyangwa isura byahindutse umutuku.

**Iyo ibisubizo byo kwipima bitagaragaje ko wanduye** bivuze ko kwipima bitagaragaje ko ufite virusi.

- Niba wipimye mu gihe wari ufite ibimenyetso kandi ukaba wakurikije amabwiriza neza, ibisubizo bigaragaza ko utanduye bivuze ko kuri ubu ushobora kuba udafite COVID-19.
- Birashoboka ko umuntu ufite COVID-19 yabona ibisubizo by'uko atanduye yipimye. Byitwa ibisubizo bitari ukuri. Ushobora kwipima ugasanga utanduye iyo ibipimo byafashwe hakiri kare cyane mbere y'igihe cyo kwandura.

**Niba utekereza ko ibisubizo byo kwipima bishobora kuba atari ukuri**, ugomba kongera kwipima mu minsi mike, byibuze mu masaha 24 kugira ngo wipime bwa kabiri. Unashobora kongera gupimirwa aho leta ipimira, farumasi ikwegereye, ivuriro rivura indwara z'ubuhumekero cyangwa utanga serivisi z'ubuvuzi.

Ku yandi makuru yerekeye uko wakwipimisha COVID-19, sura covid.ri.gov/testing.

12/31/2021

covid.ri.gov

RHODE ISLAND DEPARTAMENTO DE SALUD | RHODE ISLAND